## ICYAYI

Gihingwa cyane mu turere tw'imisozi miremire (ubutumburuke : m 1500-2500), dukonja kandi tugusha imvura ihagije (mm 1500-2000 ku mwaka). Gihingwa mu butaka bw'isi ndende, busharira (PH: 4.5-5.5) kandi bufite imborera ihagije. Icyayi gihingwa mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro Rubavu, Nyabihu, Ngororero, Gicumbi, Rurindo, Nyaruguru and Nyamagabe.

1. Gutegura ubuhumbikiro



**Ubuhumbikiro bw'imbuto z'icyayi**

Imbuto z'icyayi zitegurwa nibura amezi icumi mbere yo kuzitera. Mu itegurwa ryazo hakoreshwa itaka rifite ifumbire kugera muri ¾ by'ibihoho naho ¼ kigashyirwamo itaka ritagira ubwandu (terre rouge).

2. **Amoko yamamazwa:**

• BB/35, 6/8, BB/10, 100/5, 11/4, 31/8

3. **Gutegura imirima:**

• Kurwanya isuri.
• Guhinga imirima.
• Gucukura imyobo.

4. **Gufumbira:**

• Ifumbire y`imborera yahuguse neza.

• Ifumbire mvaruganda: mu cyayi gikuze, haterwa ifumbire yo mu bwoko bwa NPK (NPK 25.5.5.3S) ku gipimo cya Kg 600 /ha/ ku mwaka mu byiciro 2: (1) Ukwakira: Kg 300/ha, (2) Werurwe: Kg 300 /ha.

5. **Gutera ingemwe:**

• Batera kuri m 1.2 hagati y'imirongo no kuri 0.60 m hagati y'umwobo n'undi; urugemwe 1 muri buri mwobo.
• Batera ingemwe 14,000 kuri Ha.
• Igihe cy'itera: i musozi, Ukwakira-Ukuboza; naho mu gishanga, ni Gashyantare-Werurwe.



**Ingemwe za Kawa ziteye mu murima**


6. **Kugikenura (Kugikorera cg Kugifata neza):**

• Kubagara.
• Kugomorora amazi.
• Gusasira.
• Gutera ibiti bihagarika umuyaga.




**Umurima w'icyayi urimo ibiti bihagarika umuyaga**

• **Gukata**: Nyuma y'imyaka 4 gisoromwa, icyayi kiba kigeze aho abakozi batagishyikira, bityo bakabura umusaruro kubera gukoresha imbaraga nyinshi.
**Uko bagikata:** Kubanza kureba aho bakatiye ubushize, kugena aho bakatira bongeraho 5 cm, gukoresha agati kareshya n'urugero wifuza gukatiraho (Hauteur de taille), gukatisha igikoresho cyabugenewe (pruning knives).



**Uko bakata icyayi**

• Gusimbura ingemwe zapfuye.

7. **Igihe cyerera**

• Icyayi cyera bwa mbere nyuma y'imyaka 2 n'igice.



**Icyayi cyeze kigeze igihe cy'isarurwa**

## 8. Gusarura icyayi :




**Utubabi tw'icyayi dusarurwa**

• Basarura umwumba n'utubabi 2 tuwukurikiye (Pekoe + 2). Isarura rikozwe neza niryo ritanga ubwiza bw'icyayi kiva mu nganda.(Quality of made tea).

• Basarura ibibabi uko iminsi 8 ishize kugera kuri 10 (Cycle de cueillette).

• Basarura T 4.5-12 /Ha z'ibibabi bibisi, ni ukuvuga T 1-2.6 z'icyayi cyumye ku mwaka no kuri Ha.

• Iyo kimaze gutunganyirizwa mu ruganda, icyayi cyumye gishyirwa mu bisanduku byabigenewe, bikarindwa ubukonje.